Isomo rigufi:
Umwirondoro Uhishe

USC Shoah Foundation | IWITNESS

Isomo: Uburezi bw'imyitwarire, Uburere mboneragihugu, Amahame agenga imyitwarire, Amasomo yerekeye Jenoside
Insanganyamatsiko: Kuva ku ukwiyoberanya kugeza ku
Icyiciro: 9-10
Igihe rimara: Iminota 30

Urwego rurebwa: Ubwenegihugu

- Huza uruhare rw'amateka n'icyarangaga igihugu kera n'ubu ndetse n'ikiranga umuco.
- Gukora ubuvugizi hagamijwe umuryango ushyize hamwe kandi uhuje unakorana n'abantu bafite imico inyuranye.

Intego y'isomo: Nk'umusaruro w'iki gikorwa, abanyeshuri:

- Bamenya impamvu abantu bahisha umwirondoro wabo
- Bamenya uruhare rwo guhisha umwirondoro wacu binyuze mu kureba amashusho y'ubu hamya
- Kugena indahiro yo kongera akamaro ko kuzirikana abantu mu itsinda

Imiterere y'isomo:
Amateka ya vuba y'u Rwanda yerekeye ihohoterwa rishingiye ku bwoko n'akaduruvayo, harimo ihohoterwa ryo kurwanya Abatutsi mu gihe cya mbere cy'ubwigenge no muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yagize uruhare ku rubyiruko rw'u Rwanda ndetse atuma rusobanukirwa ikiruranga. Binyuze mu kumva amashusho abiri y'ubuhamya bw'abarokotse Jenoside mu buryo bubiri butandukanye, abanyeshuri baramenya impamvu zishobora gutuma umuntu ahisha umwirondoro we. Abanyeshuri bazirikana uruhare rw'amarangamutima yabo maze bungurane ibitekerezo ku ndangagaciro yo guha abantu agaciro hagamijwe gukora ubuvugizi bw'umuryango ushyize hamwe kandi uhuje.

Icyitonderwa

- Tangira iri somo ugaragaza ihame ry'umwirondoro unatanga ibitekerezo k'ukuntu umwirondoro w'umuntu ushobora guterwa n'impamvu zinyuranye.
    - Sangiza abandi ibisobanuro bibiri by'umwirondoro wifashishije agatabo k' "Igisobanuro cy'umwirondoro".
    - Saba abanyeshuri kwandika ikibaranga bo ubwabo binyuze mu gusaranganya ibiba ranga, imyitwarire n'ibindi…

- Hanyuma, bwira abanyeshuri bandike igihe bo ubwabo cyangwa umuntu bazi wahishe umwirondoro we. Aho yaba yarahatiwe guhisha umwirondoro we, yaba yarabihisemo, yaba yarabitewe n'impamvu runaka cyangwa hari uwabimuhitiyemo?Ibyo byababayeho byatumye biyumva gute? Sobanura. Saba abanyeshuri 2 cyangwa 3 gusangiza abandi ibisubizo byabo.

- Igikurikiyeho, bwira abanyeshuri ko baza kureba amashusho abiri y'ubuhamya bw'abarokotse jenoside. Iya mbere ni iya Freddy Mutanguha warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Iya kabiri ni iya Romana Farrington, Umuyahudi warokotse Holocaust.

© 2018 USC Shoah Foundation

USC Shoah Foundation | IWITNESS

Gukusanya

• Igikurikiyeho, bwira abanyeshuri ko baza kuzuza imbonerahamwe ya Venn. Bwira abanye shuri bategure imbonerahamwe ya Venn mbere yo kumva ya utu videwo tubiri tw' ubuhamya.

o Bwira abanyeshuri bandike izina rya Freddy mu ruziga rw'ibumoso n'irya Romana mu rw'iburyo. Noneho, sobanurira abanyeshuri ko bandika ku bintu amavidewo yombi y'ubuhamya ahuje n'ibyo adahuje. Barandika kuri buri buhamya ku ruhande rw'uruziga nanone bandike ibyo bahuje mu mwanya wo hagati.

• Ubu rero, bwira abanyeshuri basome amateka ya Freddy Mutanguha. Hanyuma, bwira abanyeshuri ko muri aya mashusho y'ubuhamya bwa Freddy, aravugamo amahitamo yakoze mu guhisha umwirondoro we.

o Bwira abanyeshuri kureba amashusho y'ubuhamya bwe bibanda ku ijwi rye n'ibimenyetso bigaragara mu isura ye. Hanyuma, bwira abanyeshuri bandike ku mbonerahamwe ya Venn ingingo z'ingenzi ziri muri aya mashusho n'amarangamuti ma ya Freddy ku bijyanye n'amahitamo ye.

o Bwira abanyeshuri barebe amashusho y'ubuhamya bwa Freddy indi nshuro imwe maze ubabaze ibibazo bikurikira:

- Kuki utekereza ko Freddy yahisemo guhisha umwirondoro we?
- Ni mu zihe nzira utekereza ko guhisha umwirondoro byagize ingaruka kuri Freddy? Babwire basobanure impamvu.
- Hanyuma, bwira abanyeshuri ko bumva amashusho y'ubuhamya bwa Romana Farrington. Yari Umuyahudi warokotse Holocaust, usangiza abandi imbogamizi yahuye na zo igihe umuryango we wajyaga kumusaba nyuma ya Holocaust.

o Mbere na mbere bwira abanyeshuri basome amateka ya Romana Farrington. Hanyuma, bwira abanyeshuri barebe amashusho y'ubuhamya bwe bibanda ku mimerere y'ijwi n'ibimenyetso bigaragara mu isura ye. Hanyuma ku mbonerahamwe ya Venn, bwira abanyeshuri bandikeho ingingo z'ingenzi ziranga ubuhamya bwe ndetse n'amarangamuti yagize amaze kumenya umurage we.

o Bwira abanyeshuri barebe amashusho y'ubuhamya bwa Romana indi nshuro imwe maze ubabaze ibibazo bikurikira:

- Kubera iki Romana yahungabanye igihe yamenyaga inkomoko ye?
- Utekereza ko kunegurwa n'abandi bana byagize uruhare rungana iki kuri Romana kugirango yihakane kuba ari Umuyahudi ?

• Hanyuma, bwira abanyeshuri buzuze imbonerahamwe ya Venn bagaragaza ibintu bigaragara mu mashusho yombi y'ubuhamya ibihuye n'ibidahuye kandi ubabwire basubize ibibazo bitatu bya nyuma byerekeye uwateguye igishushanyo. Hanyuma, saba abanyeshuri 3 cyangwa 4 gusangiza abandi ibisubizo byabo.

*Icyitonderwa:Freddy yahishe umwirondoro we kubera ko ubuzima bwe bwari buri mu kaga. Romana ntiyemeye umwirondoro we kubera ko yabaga ahantu batamwifuza.

© 2018 USC Shoah Foundation

Kubaka

• Hanyuma, komeza ikiganiro n'abanyeshuri ubasaba kwandika icyo batekereza kuri ibi bi kurikira:

- o Ni iki wize ku byerekeye uburyo ubuzima tubamo buhindura uko twibona ? Ni aya he masomo twakwigira muri ubu buhamya bubiri?
- o Ushingiye kubyo bigiyemo, baza abanyeshuri icyo bazahindura kizafasha abo bari kumwe kwiyakira nta bwoba cyangwa ikimwaro?

• Bwira abanyeshuri kugira icyo biyemeza ku giti cyabo kijyanye n' umwirondoro wabo. Urugero: "Ndi umugore w'umurava kandi ufite impano uzagira uruhare rwiza ku isi yerekana ishimwe." Hanyuma nk'itsinda, mugire ibyo mwiyemeza mu rwego rwo gushyigikira umwirondoro bwite w'umuntu.

Gutumanaho

• Mu rwego rwo gusoza iki gikorwa, saba abanyeshuri gusangiza itsinda ryose ibyo biyemeje.

© 2018 USC Shoah Foundation

Amateka

Freddy Mutangaha yavukiye i Burundi, Rwanda, ku itariki ya 18 Kanama 1976. Akiri umusore yatandukanye na mushiki we, Rosette, ajyana na mama we i Mushubati mu Rwanda, aho yahuye n'ibibazo by'ivanguramoko mu ishuri ryakorwaga n'umwarimu we utarakundaga abanyeshuri b'abatutsi akabogamira abanyeshuri b'abahutu. Nubwo yahuye n'iryo vangura, inshuti ye ya hafi muri Mushubati yari umusore w'umuhutu witwaga Jean Pierre. Freddy arangije amashuri abanza, umwuka wa politike ku banyarwanda b'abatutsi watangiye kuba mubi. Ku ya 7 Mata 1994, umunsi ukurikira ihanurwa ry'in dege ya Perezida , Freddy yabonye interahamwe z'abahutu zirimo gukwirakwiza za bariyeri mu gace atuyemo. Freddy yihishe iwabo wa Jean Pierre. Ababyeyi be bishwe ku itariki ya 14 Mata. Ubwo bashiki ba Freddy bane bazaga gushaka ababyeyi babo iwabo wa Jean Pierre nabo barishwe. Abanyamakuru bamubarije i Los Angeles, California ku itariki ya 1 Nzeri 2010.

Romana Farrington, Umuyahudikazi warokotse Holocaust, yavukiye muri Ghetto ya Krosniewice muri Pologne ku ya 9 Kamena 1941. Agifite umwaka umwe (1942), nyina, Helena, yabonye uburyo ahungira i Gielniow, muri Pologne gushaka ubuhungiro hamwe n'umuryango w'umugabo we. Kugirango ashobore kurokoka, mama we yahisemo guheba umukobwa we amuha abantu atazi. Umuryango wajyanye Romana wari Abaromani bo mw'idini rya Gaturika. Mu buhamya yatanze, Romana yavuze ingorane yahuye na zo ubwo umuryango we wazaga ushaka kumusubirana. Abanyamakuru bamubarije i New York city, muri New York ku ya 10 Kamena 1996.

© 2018 USC Shoah Foundation

USC Shoah Foundation | IWITNESS

Gereranya/ Tandukanya



Ubutumwa buri mu ishusho 1 ni bumwe nuburi mu ishusho 2 kubera ko _____

_____

_____

_____

Ubutumwa buri mu ishusho 1 butandukanye nuburi mu isuhsho 2 kubera ko _____

_____

_____

Aya mashusho aramfasha kumva ko_____

_____

_____

© 2018 USC Shoah Foundation